DIOCESE DE NYUNDO
CARITAS NYUNDO/GISENYI
B.P. 85 GISENYI Tél: +250 0788851184 /E-mail: caritasnyundo2@yahoo.fr

INAMA NYUNGURANABITEKEREZO KU MICUNGIRE Y'UMUTUNGO W'AMAVULIRO YA DIYOSEZI GATOLIKA YA NYUNDO/GISENYI

Ku itariki ya 2 Ukwakira 2018 Ku Nyundo kuri Centre Pastoral St Jean Paul II, Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, Umushumba wa Diyoseze ya Nyundo yayoboye inama yareberaga hamwe ibyavuye mu igenzura ry'umutungo w'amavuliro ya Diyosezi Gatolika Nyundo/ Gisenyi mu mwaka w'ingengo y'imari ya 2017-2018.

Inama yari yitabiriwe n'abayobozi bahagarariye ishami ry'ubuzima ,abagenzuzi b'umutungo mu turere twa Ngororero, Nyabihu , Rubavu na Rutsiro ;umuyobozi w'ibitaro bya Murunda, abapadiri bahagarariye akanama k'ubuzima, abayobozi n'abacungamari b'ibigo-nderabuzima bya Rususa, Rambura, Nyundo, Kivumu, na Biruyi.

Nyuma yo kugezwaho ibyavuye mu igenzura ry'umutungo, abari aho bashimiye Caritas Nyundo/ Gisenyi yateguye icyo gikorwa ndetse n'uburyo cyagenze neza. Kuri bo, ibyavuye mu igenzura bitanga icyizere ku micungire myiza na servisi nziza ku bagana amavuliro ya Kiliziya Gatolika.

Basabye kandi gukomeza ubufatanye no guhana amakuru ku mabwiriza mashya ya leta arebana n'imicungire y'umutungo w'amavuliro kugira ngo umuturage akomeze abone service nziza.

Mugusoza, Nyiricyubahiro,Umushumba wa Diyosezi, yashimiye abitabiraye inama mu nzego zabo zose ndetse anababwira ko igikorwa cyo kugenzura umutungo w'amavuliro uko umwaka w'ingengo y'imari utashye, atari icya Diyosezi Gatolika ya Nyundo gusa, ko ahubwo bireba amavuliro ya Kiliziya Gatolika mu Rwanda hose nk'uko byasabwe n'inama y'Abepiskopi mu rwego rwo gukomeza guharanira kuba indashikirwa mu gutanga service nziza kubatugana ,hanozwa imicungire myiza y'umutungo n'imiyoborere myiza.

Yakomeje yibutsa abayobozi b'ibigo-nderabuzima ko service zitangirwa mu mavuliro ya Kiliziya Gatolika, atari akazi gusa nk'uko bamwe babyibwira ko ahubwo ari ubutumwa Yezu Kristu ubwe yatangije bwo kwakira abababay e bose, ngo bityo bahamagariwe guhora babikangurira abo bafatanya ko umuti wa mbere ku babagana atari ikinini cyangwa se urushinge ko ahubwo ari ukubakirana urugwiro n'umutekano usesuye. Yanabasabye kandi gukomeza

DIOCESE DE NYUNDO
CARITAS NYUNDO/GISENYI
B.P. 85 GISENYI Tél: +250 0788851184 /E-mail: caritasnyundo2@yahoo.fr

Kuba indashyikirwa muri byose,kugira isuku ku mubili niyaho bakorera no gukurikiza inama zitandukanye bagiriwe kugira ngo imibereho myiza y'abanyarwanda ikomeze gutera imbere. Mbere yo gusezeranaho abitabiriye inama bafashe ifoto y'urwibutso.

Mme UWAMAHORO Lucette
Umuhuzabikorwa w'ishami ry'ubuzima Caritas Nyundo/ Gisenyi